

**Ijambo rya Madamu Jeannette Kagame mu  
Bukangurambaga bwo Guteza Imbere Uburere n'Uburezi  
by'Umwana w'Umukobwa  
Ngororero, 3 Mata 2016**

**Ba Nyakubahwa ba Ministres,**

**Guverineri w'Intara y'Iburengerazuba,**

**Abakuru b'Ingabo na Police mu Ntara y'Iburengerazuba,**

**Umuyobozi w'Akarere ka Ngororero,**

**United Nations Resident Coordinator,**

**Ba Nyacyubahiro mwese muri hano,**

Mbanje kubasuhuza,

Mwakoze cyane kuza muri benshi kuri uyu muni.

Twazanywe hano no kwizihiza igikorwa ngarukamwaka, ni igikorwa tugira buri mwaka ariko kizana kumurika buri gihe Inkubito z'Icyeza nshya zigenda zisimburana buri mwaka.

Nkaba rero nishimiye kuba ndi kumwe namwe muri uyu muhango wo gushimira Inkubito z'Icyeza, ari nabwo dusoza ubukangurambaga tumaze igihe dukora muri uku kwezi gushize kwa gatatu kwahuriranye n'ukwezi k'umutegarugori n'umwana w'umukobwa.

Nkaba ngira ngo mbasabe mumfashe dushimire aba bana b'Abakobwa, kuko bitwaye neza mu masomo yabo, bakaba bahembwe, ari nayo mpamvu twabahaye akazina k'ubuhizi ari ko kitwa "**Inkubito z'Icyeza**". Turabashimira kubera ko babishoboye, bakesa imihigo mu bizamini bitandukanye bakoze, ubu bakaba

bagiye kubera urumuri bagenzi babo. Baduhesheje ishema uyu muni, tubashimire ko bazanabikomeza. Ndashimira kandi namwe mwaje kwifatanya natwe twese mu gushyigikira iki gikorwa.

Umwaka ushize Imbutu Foundation, yizihije imyaka 10 tumaze dufatanya na Leta mu guteza imbere uburere n'uburezi by'umwana w'umukobwa, binyuze mu gikorwa nk'iki cy'ubukangurambaga.

Uyu mwaka kandi turizihiza imyaka cumi n'itanu, tumaze dutanga umusanzu wacu mu guteza imbere umuryango nyarwanda, tubinyujije mu mishinga yacu yo mu burezi, ndetse n'iy'ubuzima. Iki gikorwa kikaba ari kimwe mu byo twagezeho muri icyo gihe cy'imyaka ishize.

Muri iyo myaka yose tumaze dutaza imbere uburere n'uburezi by'umwana w'umukobwa, hari byinshi byagezweho, nko kuba umubare w'abakobwa biga, kandi bakaguma mu ishuri wariyongereye n'ubwo hakiri ibibazo. Ariko abatsinda ku manota ashimishije, menshi, baracyari bake nkuko abambanjirije babivuze.

Tukaba twariyemeje gukomeza uru rugamba, kuko bigaragara ko bigikenewe kugira ngo abana b'u Rwanda bagire uburezi bubabereye. Hari ibyavuzwe muri rusange ko tugifite ikibazo cy'abana batajya mu ishuri, aha ndumva twakongera tukibaza ikibitera. Twagaragaje ko twese tuzi agaciro ko kwigira, ko kugira ubumenyi, harabura iki ngo bikorwe? Ni ikibazo dukwiye kwibaza nk'Ababyeyi, nk'Abarezi, nk'Abayobozi?

Mu mpamvu batubwiye, hari abana bakoreshwa imirimo izana amafaranga, hari abajya gukora mu ngo, n'abandi. Ariko iyo twitegereje koko turareba tugasanga abo bana b'u Rwanda aribo babereye iki gihugu cyacu? Twaba duhugiye mu biki tutitaye kuri ejo hazaza hacu? Uwo ndumva ari umukoro twese twatahana tukajya kubyibazaho kandi tukanabibonera n'igisubizo.

Uruhare rwacu twese rurakomeye, ababyeyi, abayobozi, abarezi ndetse namwe bana. Leta y'u Rwanda ntako itakoze, yakoze ibyo ishoboye, ishyiraho uburyo, amashuri na politiki y'uburezi bwa bose. Imbogamizi kandi zaba zishingiye kuri gahunda y'ishuri, cyangwa kuri politiki y'uburezi zanagerirwaho, zikabona umuti ariko umwana w'Umunyarwanda wese akabona uburere agomba, uburere bumukwiriye.

Tugarutse ku burere n'uburezi by'umwana w'umukobwa, aba bahembwe uyu muni, nagira ngo mbabwire ko ari intangiriro y'intsinzi, muzakorere izindi nyinshi. Nimwigirire icyizere, mwiyemeze, muzagere ahashimishije. Bakobwa bacu, ngira ngo mumaze kumenya uruhare rw'umugore mu iterambere ry'Igihugu cyacu. Ni ahanyu rero gukomeza kwagura ibyo ababyeyi babatoje na bakuru banyu, ibyo bagezeho, muzabishobora nimusoza iki kivi cy'amashuri, kizabaha intwari ihagije kugira ngo mubigereho.

Iyo dukora ubukangurambaga mu turere dutandukanye, bigenda bigaragara ko hari imyumvire ikiri hasi, ku bijyanye n'uburere bw'umwana w'umukobwa. Hari umubyeyi mu karere ka Kirehe watubwiye ko, yatsindishije abana be babiri, umukobwa

n'umuhungu, umukobwa anatsinda neza ndetse yanahembwe n'Imbutu, umubyeyi we yaduhaye ubuhamya ko we yamushyize mu ishuri rya “nine years”, umuhungu amushyira mu ishuri ryigenga ryiza kuko yabonaga ko atashora umutungo we ku mwana w'umukobwa kandi azajya kuba uwo mu wundi muryango. Iyi ni imyumvire ikiri hasi cyane, umwana ntabwo aba uwo mu yindi miryango, yagura imiryango y'aho yashatse n'aho yaturutse, abana ntabwo baba mu muryango w'umugabo gusa n'iwabo w'umugore baba bungutse. Iyi myumvire rero niba hari abakiyifite ntabwo ikijyanye n'iterambere tugezemo. Umwana ni nk'undi bagomba kurerwa no guhabwa ibyangombwa by'ubuzima kimwe.

Muri iki gihe, haracyanagaragara ikibazo cyo gutwita kw'abangavu, iyi ni inzitizi ikomeye cyane mu burezi bw'abana b'abakobwa. Ibi bibagiraho ingaruka kurusha abana b'abahungu ariko, kugira ngo tunashobore no gukumira icyo kibazo, ntabwo ari umwana w'umukobwa ukwiye kugirwaho izo ngaruka gusa, abantu bakwiye no kuziga uko n'uwo mwana w'umuhungu uba waramukubaganiye, akwiye kubibazwa, ibyo byatuma nabo bahungu babitekerezaho kabiri mbere y'uko bashora abo bana bagenzi babo muri ibyo byago. Ibi rero kubirwanya bikaba ari ibya twese, kugira ngo iki kibazo kitazaba icyorezo. Dukwiye no kuzirikana ko umwana ashobora no kwandura indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina, harimo na SIDA.

Hari ikindi ikibazo cy'abana bacuruzwa, abafatwa ku ngufu, bagateshwa amashuri, bakangiza ubuzima bwabo, kandi ibyo

babikoreshwa n'abantu bakuru. Harageze ko dufata ingamba zihanye tukarinda abana bacu ibyo bibi byose. Ababibashoramo akenshi baba bazwi aho dutuye, turasabwa kubamenyekanisha bagahanwa by'intangarugero. Ubundi natwe, abana bahuye nako kaga, tukongera tukabaremamo icyizere.

Bana namwe mugomba kumenya kwirinda; tubafasha gukura neza ngo mumenye gutandukanya ikibi n'icyiza ariko kandi uguhitamo ni ukwanyu kuko aho muri hose ntabwo tuba duhari. Ibyo muzabigeraho nimwiha intego yo kubaka ubuzima bwanyu bwiza, maze mukiha n'ingamba zizatuma mugera aho mwiyeje, nta kabuza muzaba abo twifuza ko muba bo, maze mudutere kandi mutubere ishema.

Babyeyi bagenzi banjye, natwe twicyebuke! Kubaka umuryango nyarwanda, ni ukubaka urubyiruko rwacu, tubabe hafi, tubaganirize, tubatoze umuco, tubatoze indangagaciro na kirazira, tubabere urugero, tubarinde, tumenye guhuza ishakisha ry'imibereho yacu, n'uburere bw'abana bacu. Ndahamya neza ko buri muntu wese, aba yifuriza umwana we kuzaba umuntu w'igitangaza, ufite icyo yimariye kandi anamariye n'igihugu cye.

Ibibazo byavuzwe byose, nzi neza ko dukoreye hamwe, ababyeyi, abarezi, abayobozi twafasha abana bacu, bagakura neza, bagatera imbere nta mbogamizi.

Rubyiruko rwacu, Igihugu cyacu, gifite iterambere n'ikorabuhanga bikataje ari nayo mpamvu twahisemo guhamba

bariya barangiza mudasobwa; nimubikoreshe mugere kure kuruta aho twe twageze. Mugire umuco wo kwisuzuma no kureba aho mufite intege nke, muhiteho muhahindure, kandi aho mufite imbaraga mukomeze muhashyiremo n'umwete cyane.

Ababyeyi, abarezi n'abayobozi banyu tuzakomeza kugendana mu rugendo rw'ubuzima bwanyu, tubifite mu nshingano nk'abantu bakuru bababoneye izuba kandi bazabaraga uru Rwanda.

Mu gusoza, nongeye kubashimira mwese abari hano, cyane cyane Inkubito z'Icyeza bahembwe uyu muni, urubyiruko turi kumwe hano mukomeze mwigene neza natwe tuzakomeza kubaba hafi.

Sinasoza ntashimiye kandi abafatanyabikorwa bacu aribo umuryango w'abibumbye ONE UN, by'umwihariko Unicef, Minisiteri y'uburezi, ikigo cy'igihugu gishinzwe uburezi (REB), ikigo gishinzwe ubumenyi ngiro (WDA), ikigo cy'igihugu cy'iterambere (RDB), Tumba College of Technology, ibigo by'amashuri dukorana, ababyeyi n'abandi batandukanye batanga umusanzu wabo muri iki gikorwa.

### **Esteemed partners,**

I would like to sincerely thank you for being with us during this decade-long journey, of recognizing the powerful minds of our girls, and joining in the efforts of Imbutu Foundation to provide an avenue for our daughters, to be recognized at the national level.

This is just the beginning of many more proud moments for our communities, as we accompany our girls on this path towards true excellence, as they continue breaking even more barriers, than they have ever thought was possible.

**Murakoze, mugire umunsi mwiza.**

**Imana ibarinde.**